

ITANGAZO RISOZA INAMA ISANZWE Y'ABEPISKOPI GATOLIKA BO MU RWANDA YATERANIYE I KIGALI TARIKI 14-17 WERURWE 2017

Kuva tariki ya 14 kugeza ku ya 17 Werurwe 2017, i Kigali ku cyicaro cy'Inama y'Abepiskopi gatolika mu Rwanda hateraniye inama yabo isanzwe y'igihembwe cya mbere cy'umwaka wa 2017, iyobowe na Nyiricyubahiro Musenyeri Filipo Rukamba, Umushumba wa Diyosezi ya Butare akaba na Perezida w'Inama y'Abepiskopi Gatolika bo mu Rwanda. Nyuma y'isengesho ritangiza inama, yatangaje imirongo migari iyo nama yagombaga kwibandaho. Harimo gusuzuma raporo z'ibikorwa bihuriweho n'amadiyosezi n'izindi ngingo zinyuranye zirebana n'iyogezabutumwa muri rusange. Abepiskopi kandi bateganyaga kuganira kuri gahunda idasanzwe y'umwaka wa Yubile y'ubusaseridoti mu Rwanda n'ishyirwa mu bikorwa ryayo.

Mbere yo kungurana ibitekerezo, Abepiskopi bateze amatwi ijambo ry'uhagarariye intumwa ya Papa mu Rwanda Padiri Prikulis Antons. Mu ijambo rye yashimiye Abepiskopi ibirimo gukorwa mu rwego rw'iyogezabutumwa cyane cyane muri gahunda y'umwaka wa Yubile y'ubusaseridoti ndetse abagezaho byinshi byazabafasha muri uyu mwaka wihariye Kiliziya Gatolika irimo guhimbaza imyaka ijana ishize umunyarwanda wa mbere ahawe ubusaseridoti.

Abepiskopi bakomeje baganira ku makuru yaranze za Diyosezi kuva ku nama iheruka mu Kuboza 2016 kugeza muri Werurwe 2017, akaba agizwe n'ibikorwa bitandukanye byaranze gahunda z'Abepiskopi.

Iyi nama kandi habaye kungurana ibitekerezo kuri raporo zitandukanye za komisiyo na serivisi zihuriweho n'amadiyosezi yose zaranze umwaka wa 2016. Hatanzwe raporo ya komisiyo y'ubutabera n'amahoro (CEJP), iy'Iyogezabutumwa mu mashuri (SNEC), hatangwa kandi raporo y'ibiro bishinzwe Gatigisimu (BNC), iy'ibikorwa byo gufasha iyogezabutumwa ku isi (OPM), iya Serivisi ireba ibijyanye n'ubusugire bw'ingo (SNAF), iya Radio Maria, ndetse na komisiyo y'urubyiruko (CEPJ). Abepiskopi bahawe kandi raporo ya komisiyo ishinzwe abalayiki (CEAL), Karitasi Rwanda, Kinyamateka, urukiko rwa Kiliziya (TECIR) ndetse

n'abandi bari batumiwe kuvuga kuri gahunda zinyuranye zijyanye n'iby Abepiskopi babashinze.

Ikigaragara ni uko muri ayo makomisiyo yose umwaka wa 2016 wagenze neza. Hagaragaye kandi ibibazo bimwe na bimwe bigomba kuganirwaho no gushakirwa umuti ku buryo bwimbwitse :

1. Iyogezabutumwa ry'imiryango : Hari ikibazo gihangayikishije, bityo komisiyo y'umuryango n'iy'abalayiki zishingwa ku buryo bwihariye kwiga uko iyogezabutumwa ry'umuryango ryakwitabwaho kurushaho.
2. Guteganya imbyaro : Abepiskopi basabye ibiro bishinzwe ubusugire bw'ingo kongera imbaraga mu gushishikariza abashakanye gukoresha uburyo bwa kamere. Basanze kandi ko ari ngombwa ko inzego zose zireba umuryango mu iyogezabutumwa zahagurukira rimwe kugira ngo gahunda zigere kuri benshi bashoboka. Kuri iyi ngingo, Abepiskopi bashimangiye ko badashyigikiye igikorwa icyo ari cyo cyose cyakorerwa mu mavuriro ya Kiliziya gatolika kigamije gushyigikira uburyo bwo kuringaniza imbyaro hifashishijwe imiti.
3. Ku bijyanye na gatigisimu, Abepiskopi bafashe icyemezo cyo kuvugurura uburyo gatigisimu itangwa haba mu mashuri haba no ku bana bigira amasakaramentu.
4. Radio Maria : iri mu nzira zo kwimurira icyicaro cyayo i Kigali, ndetse studiyi nshya zikazatahwa mu ntangiriro z'ukwezi kwa cyenda. Abepiskopi bashimye abakristu bagize uruhare muri icyo gikorwa cyo gufasha Radiyo Mariya.

Usibye izo raporo z'amakomisiyo kandi, inama yakiriye abayobozi b' Inzira ya Newokatekimena bagaragaza ibyiza bagezeho, imishinga ndetse n' imbogamizi bagira mu iyogezabutumwa ry'umuryango wabo. Abepiskopi babijeje ubufatanye mu kuzishakira umuti.

Inama y'Abepiskopi kandi yagejejweho aho imishinga ijyanye n'inyubako igeze bafata n'ingamba zo kongeramo ingufu kugira ngo yihute.

Nyuma y'iby, Abepiskopi banogeye gahunda zabo ziri imbere zarimo inama ya ACOREB yo ku wa 20-23 Werurwe 2017, ndetse n'umwiharero wo muri Gicurasi 2017.

Mu rwego rwa Yubile y'ubusaseredoti, Musenyeri Jean Damascène BIMENYIMANA, perezida wa komisiyo yo kwita ku bapadiri, yagejeje ku Bepiskopi aho imyiteguro

y'ubusaseredoti na yubile bigeze. Muri urwo rwego rwa yubile y'ubusaseredoti, abapadiri bafite ibiganiro mu Nyakibanda, abashaka kuza bwa mbere bakazaza kuva ku ya 23 kugeza ku ya 26 Mata 2017, naho abo mu gice cya kabiri bikaba kuva kuri 26 kugeza kuri 29 Mata. Ibizaganirwaho ni ibigamije kurushaho gucengera iryo banga ry'ubusaseredoti no kwimakaza ubuvandimwe hagati yabo. Yibukije kandi n'andi matariki akomeye arimo gusura imva ya Padiri Balitazari Gafuku i Mugombwa (Butare) ku wa 23/06/2017 ; itangwa ry'Ubusaseridoti uyu mwaka rizahurizwa hamwe i Kabgayi ku wa 22/07/2017 no guhimbaza Yubile bizaba ku itariki ya 07/10/2017 aho i Kabgayi.


Inama kandi yagarutse ku rugendo rwa reliki za Mutagatifu Tereza wa Liziye (Thérèse de Lisieux) mu Rwanda ruzaba umwaka utaha kuva mu mpera z'ukwezi kwa gatandatu kugeza mu kwa Karindwi rugakorerwa mu madiyosezi yose. Mu bufatanye n'umuryango wa Karumeli hazateganywa inama zinyuranye zo gutegura neza iyo gahunda.

Muri iyi nama, Abepiskopi bakiranye ibyishimo uruhushya rwaturutse ku kicaro cya Kiliziya Gatolika i Roma rwemerera Kiliziya Gatolika mu Rwanda kwimura Umunsi Mukuru w'Abatagatifu Bose ugashyirwa ku cyumweru cya mbere cy'Ukwakira ugakurikirwa n'Umunsi wo gusabira Abapfuye bese kuwa mbere w'icyo cyumweru cya mbere.

Inama yasojwe ku ya 17/03/2017 i saa munani, Abepiskopi bajya gusura aho inyubako y'ibiro bishya by'Inama y'Abepiskopi ku Ruyenzi igeze.

Bikorewe i Kigali tariki ya 19/03/2017

Padiri Hodari Jean de Dieu,



Umunyambanga w'Inama y'Abepiskopi

Gatolika bo mu Rwanda

+ Filippo RUKAMBA, 

Umwepiskopi wa Butare

Perezida w'Inama y'Abepiskopi Gatolika bo mu Rwanda